...by'ukuri yuko abantu bagiye gusahura igihugu, yuko aba...abantu bashinzwe kuturebera bagiye kutuguri...bagiye kuguza amafaranga mu Gakinjiro, bagiye kuguza amafaranga mu banyarumogi ayo mafaranga ariyo tuzishyura? Mu misoro yacu, mu byo dukora? Ubwo se tubireke ngo, ngo ni uko ari inshuti zacu? Ngo uwanyura hirya, aaa! Ntabwo ari byo. None se Batutsi rero namwe twumvikane; ubu koko muri iyi ntambara ya politiki ubu duhishe abantu, duhishe abaturage ko ibi ngibi Inkotanyi zirimo hano mu Rwanda yuko ari amayeri yo gufata ubutegetsi bakabwambura Abahutu bari babufite kuva muri mirongo itanu n'icyenda? Ubu tubihishye koko? Ubu tubahishye se yuko iyi Dossier y'i Burundi mwabyumvise hinga nyibasomere: Perezida mushya w'u Burundi mwaraye mwumvise ko inama bakoze ejo ari imbere y'Ibikurankota BIKOMAGU, ee...DARADA...DARADA...niba ari DARADAMBYA ee...DARADANGWE Lieutenant Colonel nawe, ari imbere ya BUDUDIRA Musenyeri bamushyize imbere bati rero, niba ushaka gu..., wa Muhutu we niba ushaka kurahira, niba ushaka kurahira ukumva ushaka kuba Perezida, dore ibintu tukwe...tuku...tugutegetse, dore mu byo bamutegetse: bamutegetse yuko Ministre w'intebe yava mu yandi mashyaka ya Opposition ni ukuvuga muri make, niba ubaye umu..., Perezida uri Umuhutu uwugukurikiye agomba kuba Umututsi niko bamutegetse kandi yarabyemeye. Bon! Eh KINIGI we ngo kuko ngo yabogamiye ku Bahutu, n'ubundi umugabo we kera yari Umuhutu mbere yo kwitaba Imana ubwo bamushyize ku ruhande. "Genda wowe Mututsikazi udashoboye kurengera inyungu zacu kwaheri!" Uwo bamushyira ku ruhande. Noneho bati Cour Constitutionelle ruriya rukiko KAVARUGANDA yicisha agakiza, bati ni uko abo mwirukanyeho mugomba kubagaruraho. Abo bantu bari babarukaniye iki? Yuko banze ...bari mu bi....bikoza hirya no hino ngo Perezida yatowe mu buryo mutaribwo kandi babeshya, bagira ngo gusa babitinze. None bategetse, bamutegetse yuko abagarura uko ari barindwi abo yari yirukanye, hanyuma akongeramo n'abandi babiri cyangwa bane kugira ngo babe cumi n'umwe cyangwa icyenda. Muri abo bantu agomba kongeramo nanone bariya bantu nabo bafitemo ijambo. Kuki bashyize...., bashaka yuko abo Bacamanza bongera bakagaruka bari barirukanye? Kuki bashaka yuko bajya mu... muri uru

rukiko rureba, rusuzuma amategeko niba ahwanywe n'itegeko nshyinga? Ni ukubera iki? Ni ukubera yuko, ee...itegeko, itegeko nshinga, ee...nako amategeko azajya ava mu nteko ishinga amategeko, inteko ishinga amategeko rero itegekwa na Sylvèstre NTIBANTUNGANYA w'Umuhutu ariko, baragira ngo itegeko rizajya ritorwa n'abo Bahutu bo muri FRODEBU benshi mirongo irindwi na batanu, niriza rikagera muri uru rukiko rwongere ruryiyenzeho ruribasubize. Iryo tegeko rye kuzigera ribaho. None se ibyo wabihisha abantu ukaba ubabwiza kuri iki? Hanyuma noneho turebe ino mu Rwanda; turebe ino na none. Erega Abatutsi bo mu Rwanda bitwa ba...bitwa Abanyarwanda, Abatutsi ba...bo mu Burundi bitwa Abarundi ariko rero bose n'Abatutsi kandi amayeri ni amwe, hinge tugaruke mu Rwanda urebe. Baravuga bati:" tuzashyiramo PL LANDO" haaa! PL LANDO, FPR Inkotanyi ni ko ivuga, PL LANDO. Bati tuzafata Guverinoma, turafata ba NAYINZIRA batazi aho bagana dufate ba nde ya nde RUKOKOMA adufashe dushake abandi, dushake mu bucamanza.Noneho mu masezerano ya Arush..ya Arusha bakavuga bati u Rwanda ni igihugu kigendera ku mategeko, ntabwo wumva iyo ngingo, u Rwanda ni igihugu kigendera ku mategeko hinga rero bayi...bayakore, hanyuma noneho bayadu...bayadufatireho, usange nta tegeko rihita rita...badashaka, amategeko bashaka ni yo ahita, ibiki byose, none se ubwo utumva yuko ari u...ari amayeri yo gufata ubutegetsi abantu ukabazirikisha amategeko. Kandi ikintu gikomeye ni uko nidutiribuka aha ngaha tukemera biriya byose bikora, mu gihe umuntu atabaye umugabo, ngo ahagarike ibyo bintu avuge ati simbishaka, ntashobora guhagarika na rimwe, ntashobora guhagarika na rimwe amategeko arimo amukorerwaho, waba utaragize ubutwari mbere, ese ubutwari bwa nyuma amategeko yatangiye gukorwa wayakorera hehe? Ni cyo gituma umuntu avuga ati, abantu bakwiye kugira ubutwari bakabwiza abandi ukuri. None se kuki Umututsi mbese muri iki gihe adashaka ko bavuga Umututtsi? Kandi agaharanira inyungu z'Abatutsi mu cyayenge, ahubwo agashaka ko n'Abahutu ngo bamufasha guharanira izo nyungu z'Abatutsi ni ukubera iki? Ibyo bintu rero by'amayeri niba umuntu abitahuye, naho bihuriye no kwanga Abatutsi, ntibishoboka, ntaho bir...bihuriye no... no kwanga abantu. Ni ukuvugisha gusa ukuri. Abatutsi rero niba mudashaka ko tubabwiza ukuri, ibyo ngibyo birumvikana, hein umunyamayeri ukuri kurababaza, umunyamayeri iyo umutahuye iteka avuza induru, ngo ndarenganye, ngo ndabeshye ariko rero mumenye ko kuri RTLM nta na

rimwe tuza...tuzareka kuvugisha ukuri.

....zitera abantu ubwoba, aa...zitera abaturage ubwoba kugira ngo bahunge hanyuma noneho iruhande hose, hariya hose, za Kimihurura, Kimihurura mbese inyuma hose ya...ya CND, zirashaka kuhagira Zone Tempo, zira...zirashyaka kuhagira Zone Tempo hariya za SAHARA, za Gishushu aho hose ngo kuko ni wemera ko hariya haturwa n'Abatutsi gusa, ngaho rero uko bimeze, koko abantu barahunze, ibintu byarazambye, baravuga bati ese barashaka kuzahagira Zone Tempo. Comité y'Interahamwe noneho za Segeteri Kimihurura irasaba abaturage batuye muri Segiteri Kimihurura ko bakwishyira hamwe bakarwanya abo banzi b'amahoro, ni ukuvuga amabandi yayogoje umijyi. (Musique)

ORATEUR :KANTANO

....ivugira i Kigali.....

ORATEUR :GAHIGI Gaspard.

....Twemeye tukavugisha ukuri kwa nyako, tukareba koko tudacengana ikidindiza ishyirwaho ya Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye, y'Inteko ishinga amategeko y' Inzibacyuho yaguye, ati iyi nama ati havamo ikintu. Ayo magambo rero ya Agata yanyibukije rwose umugani w'impyisi, umugani w'impyisi yagiye kwihahira noneho iragenda ibunda inyuma y'inzu ari nijoro, noneho umwana ararira, noneho umubyeyi aramukubita ati nukomeza kurira, ati nukomeza kurira, ati ndagu..naga hanze maze impyisi ikurye. Nuko impyisi aho yari iri izunguza amatwi, iti kuva navuka numvise umubyeyi uvuga neza. Nanjye kuva nabaho numvise Agata avuga neza, kuko ayo magambo yavuze koko ni yo, abantu bavugishije ukuri ikibazo kiriho, umuntu akemera akaki....akakigana ukuri, akakiva imuzi, akareba amavu n'amavuko yacyo kenshi igisubizo kiba kigiye kuboneka. Ikibazo dufite rero koko ni ukutavugisha ukuri, abantu bahagarariye ariya mashyaka bahuye koko bakavugisha ukuri bakareba ikidindiza iriya shyirwaho, bakareba ikidindiza gushyiraho ziriya nzego z'Inzibacyuho ebyiri zisigaye Guverinoma na... n'Inteko

ishinga amategeko, bakavugisha ukuri koko hagira ikigerwaho. N'iyo byaba ngombwa kugira ingingo zihinduka mu masezerano ya Arusha babyemeye bazihindura ariko abantu bakava mu gihirahiro bazihindura kuko ari bo bazishyizeho nta wundi wazibashyiriyeho nibo bazishyizeho, iyo nama bagize n'umuhuz..,.n'uhagarariye umuhuza yari ahari Ambassadeur wa Tanzaniya, nkaba rero mbona koko nta kintu cyabuza abantu bahuye bakajya inama ari abagabo kugira icyo bageraho. Ubwo rero, urebye niba nta macenga arimo ibintu biriho biraza wa mugani w'Abarundi.

Hanyuma ikindi twakunze kuvuga ku mugabo witwa KAVARUGANDA, tuvuga ko yakoresheje Facturier noneho abantu bakagira ngo ni uguhimba, ni ibigambo, dore ko ibintu bita guharabika byateye. KAVARUGANDA rero koko ibyo bintu mu mwanya ndabigarukaho dossier narayishyitse, dossier narayishyitse ubwo mu mwanya ndabigarukaho, ariko ikintu giteye ubwoba ni uko babajije KAVARUGANDA bati, bamaze kumubaza yiyemereye ko Facturier yazikoresheje ubwo mu mwanya ndabigarukaho, mbabwire ukuntu byagenze ariko muzi abacamanza iyo babaza umuntu, iyo barangije baramubaza bati mbese ku byo wavuze hari icyo wongeraho? N'ubwo KAVARUGANDA yari umucamanza w'ikirenga, na we baramubajije bati mbese ku bintu twakubajije byose hari icyo wongeraho? Ati "ntacyo", ati" uretse ko nenga ati iyo mikorere yanyu ya Gihutu". Ibyo bintu yarabivuze arabisinyira. Ubwo mu mwanya rero turabigarukaho mube mwumva umuzika.

....itazibagirana mu mateka y'u Rwanda, ariko itazibagirana ....ku bibi tuyiziho, tuzi ko tariki ya munani Gashyantare ari bwo Inkotanyi zubuye imirwano zikica Abanyabyumba n' Abanyaruhengeri kugeza ubu batazwi umubare, abandi bagera kuri hafi imiliyoni bakava mu byabo bagahunga n'ubu bakaba bagipfa umusubirizo. Ubwo rero Inkotanyi zubura imirwano tariki ya munani Gashyantare, muzi ko icyo gihe intumwa z' u Rwanda n'iz'Inkotanyi zari Arusha ziga ukuntu zavanga ingabo z'u Rwanda zavanga niza FPR, ubwo rero tariki ya cyenda Mutarama bari bamaze kurangiza ibyo kugabana ubutegetsi. Umuntu akibaza ati ko niba Inkotanyi za...bari bamaze kugabana ubutegetsi byararangiye, zuburiye iki imirwano? Ndetse akaba ariho bamwe bavaniza kuvuga ko Inkotanyi koko zigamije gufata ubutegetsi bwose

zitagamije kubugabana kuko icyo gihe zubura imirwano bari bamaze kugabana ubutegetsi byarangiye, nta mpamvu rero umuntu yabona yavuga icyatumye zitera icyo gihe kuko ibyo kugabana ubutegetsi byari byararangiye, ubwo rero ni ukuvuga ko zashakaga kubufata bwose. Ubu ngubu muzi aho tugeze n'Inkotanyi muzi ko ibyo gushyira inteko ishinga amategeko y'Inzibacyuho yaguye no gushyiraho Guverinoma y'Inzibacyuho bisa n'ibyananiranye kuko nyine FPR ishaka gukurura yishyira ishaka ubwiganze muri...muri iki gihe nyine cy'Inzibacyuho. Noneho hagira rero ikivugwa ukumva ngo Inkotanyi zirubura imirwano, ndetse na...na BIZIMUNGU Pasteur uzaba Ministre w'ubutegetsi bw'igihugu n'amajyambere ya Komini muzi ko yavuze ko bakubura imirwano Abatutsi bamwe bagakoma mu mashyi. Ubwo turaza kubigarukaho. Muzi kandi ko Inkotanyi zitera zavugaga ko zizanye Démocratie, ndetse zikavuga ko zihagarariye impunzi. Nyamara mu byerekeye imishyikirano wareba ugasanga impunzi ziri ku mwanya wa karindwi mu bibazo Inkotanyi zavugaga. Ziti tubazaniye ibintu byiza, tuzabazanira Démocratie igihugu tugitunganye. Wajya kureba ugasanga Inkotanyi abo zikorana ni abantu badafite, tutavuga ko babuza amakemwa mu mico no mu myifatire koko muzi ko ubu FPR ishudikanye na ba GATABAZI, muzi ko FPR ishodekanye na ba TWAGIRAMUNGU bazwiho ibintu by'ubusahuzi, muzi ko FPR ba LIZINDE yabagize Abadepite kandi muzi ko bari baraciriwe imanza zo gupfa. Ngibyo rero ibibazo byinshi twibaza kuri uyu munsi tariki ya munani twibuka nyine aa...twibuka igihe Inkotanyi zuburiye imirwano, noneho nkagira ngo kuri uyu munsi twibuka ayo marorerwa Inkotanyi zakoze nkaba rero natumiye umugabo witwa NKURUNZIZA Ananie akaba akora muri Minisiteri y'abakozi ba Leta, noneho NKURUNZIZA akaba yarabaye umwanditsi mukuru w'Ikinyamakuru cyitwa "INTERA", akaba rero ari umuntu wakurikiye cyane ibintu by'Inkotanyi, ndetse akarusho ka NKURUNZIZA Ananiya ni uko yakoze mu biro bishinzwe iperereza "Services de renseignements", akaba rero ari umuntu wakurikiranye ikibazo cy'Inkotanyi. Nkagira ngo rero NKURUNZIZA Ananie tuganire kuri ibyo bibazo navuze byose, noneho kuko yabikurikiranye twaraganiriye ni umuntu nzi, nkagira ngo rero uyu munsi twibuka nyine ayo marorerwa Inkotanyi zakoze twibaze ibibazo abantu benshi badakunze no kwibaza. Twibaze Inkotanyi icyo ari cyo. Twibaze ukuntu zavuze ngo zihagarariye impunzi, nyamara ugasanga ari zo zazibujije gutaha. Ndetse zikicisha n'abana bazo. Twibaze

niba Inkotanyi zizacibwa urubanza. Twibaze Inkotanyi zakoze ibintu ngo byo kwigisha aba cadres bazategeka, zigatanga amasomo, kugira ngo n'umunsi zaramuka zafashe igihugu, Abahutu bose bategeka zibasimbuze abo zigishije b'Abatutsi. Tubaze , twibaze duti abo Bahutu bose bari kujya he? Ese bari kubica bakabamara? Ndetse twibaze n'impaka zabaye igitero kigiye kuba, kuko RWIGEMA wapfuye hari impaka zagiwe avuga ati abo Bahutu nta wabica ngo abamare, bamwe bakavuga bati tuzabica, ubwo rero ibyo byose NKURUNZIZA wakoze mu biro by'iperereza kandi akaba yarabaye umwanditsi mukuru Rédacteur en chef w'ikinyamakuru "IMVAHO" turabiganiraho.

Nkagira ngo rero NKURUNZIZA Ananiya ku bwawe, umutwe w'Inkotanyi ubona ari iki? Hari abavuga ngo...ngo ni abana b'Inyenzi bagarutse, abandi bati reka da! Bati ni abantu bazanye Démocratie kuko harimo n'Abahutu ku bwawe Ananiya Inyenzi Inkotanyi ni iki?

ORATEUR : NKURUNZIZA Ananie

Murakoze Bwana GAHIGI kumpa ijambo, kuri uyu munsi twongeye kugiriraho ibyago tubitewe n'igitero cyo ku itariki ya munani Gashyantare umwaka ushize igitero cyatumye u Rwanda rwongera kujya mu miborogo ndetse bikaza gukurikirana kugeza n'uyu munsi tuvuga ibyo amahoro ya Arusha mu by'ukuri ku byanjye atari amahoro ahubwo ari ukugabana ubutegetsi kuko iriya mishyikirano twakoze ntiwasangaga igamije amahoro, iyo iza kuba igamije amahoro, ayo mahoro tuba twarayabonye. Ahubwo yari igamije kugabana ubutegetsi. Nk'uko wavugaga rero ko ubutegetsi bari bamaze kubugana ku itariki ya cyenda, ukwezi kwa Mutarama muri uwo mwaka wa mirongo urwenda na gatatu Inkotanyi zongeye guterera iki? Icyo kibazo rero ntari nasubiza ee....icyo wari umbajije neza icyo Inkotanyi icyo ari cyo, icyo kibazo nakibajije umuntu twari tuvanye mu ndege tuje... duturuka i Naïrobi, we yambwiraga ko ari Inkotanyi ngira ngo sinakwiririrwa mvuga izina rye ambwira ko icyatumye Inkotanyi zitera ku itariki ya munani Gashyantare ngo ari uko Abagogwe bari bapfuye, muri uko kwezi kwa mbere twavugaga muri ya midugararo yabaye epfo iyo ng'iyo za Gisenyi na Ruhengeri. Nkamubaza nti se Inkotanyi ko ubwo zishe abaturage b'Abahinzi b'aho ng'aho mu Ruhengeri na Byumba zashakaga kugera

K0141568



kuki? Ati na zo zerekanaga ko zizi kwica.Aho rero ni ho ngira nti muri iki gihe tugezemo cy'amahina koko nk'uko bivurwa ni bwo twagombye kumenya Inkotanyi icyo aricyo. Inkotanyi se zirashaka amahoro? Inkotanyi se zirashaka iki? Zirashaka ubwiyunge? Inkotanyi se zirashaka Démocratie nk'uko zabivuze? Inkotanyi se zirashaka ko ibintu bihinduka? Inkotanyi ni iki rero? Nagira ngo aha ngaha rero umuntu yagaruka nko ku kibazo na none cy'izo mpunzi z'Abanyarwanda. Impunzi z'Abanyarwanda ziri muri Uganda cyane cyane ni nazo nyinshi, ziri mu nkambi, ziri mu nkambi ya Nshungerezi, ziri mu nkambi ya Nyakivara, izo nkambi zombi ziri iruhande w'umugezi w'Akagera ku mupaka wa Uganda na Tanzaniya. Ziri mu nkambi iri muri Bunyoro ya Cyangwari hafi n'umupaka wa Zaïre ku kiyaga cya Albert, ziri mu nkambi ya Cyaka ya mbere n'iya kabiri yewe hari n'i.. n'impunzi z'abahinzi ziri mu nkambi ya Rwamwanja, Ibuga na Gahunge mu gice cya Toro. Izo mpunzi rero njye hari ubwo nkeka iyo Inkotanyi zivuga ko zizihagarariye, Inkotanyi ntabwo zihagarariye impunzi. Zahagararira impunzi se zite, igihe zateraga ikibazo cy'izo mpunzi nk'uko wamaze kubivuga Bwana GAHIGI cyari ku nomero ya karindwi? Nkeka rero kugira ngo nsubize ikibazo wambajije n'ubwo naciye kure ko Inkotanyi ari agaco, ndetse nakwica...nakwita agaco k'Abatutsi extrémistes ni bo Nkotanyi. Kuba KANYARENGWE rero azibereye kw'isonga siko kuvuga ko KANYARENGWE azitegekeka, tuzi neza ko KANYARENGWE aza mu Nkotanyi yaje mu mwaka wa mirongo urwenda. Zimugira agakingirizo nk'uko byakunzwe kuvugwa ndetse natwe twarabimubajije igihe twari mu ndege, tuvuye i Bujumbura tujya i Kilimandjaro.
Tuti se Nyakubahwa uri umukuru w'Inkotanyi cyo...koko, cyangwa uri agakingirizo kazo? KANYARENGWE muribuka ko yadushubije ko, anaseka cyane avuga ko agakingirizo ari ako...ari akavugwa kuri Radiyo Kigali ngo...ivuga ko kagomba gukoreshwa n'abakora ibyaha. Ntabwo rero yigeze aduhakanira ko atari agakingirizo, na n'ubu biragaragara ntabwo ari we mutima wa kariya gatsiko k'Abatutsi ahubwo ni igikoresho cy'abo bantu. Inkotanyi rero uko nahoze mbivuga ntabwo zihagarariye impunzi, na cyane cyane ko izi mpunzi zose navuze zababaye zashatse kugaruka mu gihugu, igihe cyose uretse ko bavuga ko Perezida wa Repubulika y'u Rwanda yazangiye, ariko mu by'ukuri ntiyigeze azangira na rimwe uretse ijambo yavuze bakarihindura nk'uko bakunze guhindura amagambo ye, ijambo rero yavuze ni uko u

Rwanda ari rutoya, ngira ngo n'ubu yabisu...yabisubiramo. Na n'ubu na ziriya aho zigereye kuri CND zizi ko u Rwanda ari rutoyi. Ikibazo rero ntabwo ari icyo, ikibazo cy'izo mpunzi zagiraga zi...ziti twataha. Kandi koko aho imishyikirano yari igeze muri icyo gihe, yari igeze mu nzira z'uko zataha.

Nanyarukiye Bwana GAHIGI muri Uganda mu kwezi kwa gatanu k'umwaka wa mirongo urwenda, njyana ijisho rya mukuru, icyo gihe naganiriye n'impumzi nyinshi mu bigo byazo zari ziteguye gutaha. Yewe n'umuryango ushinzwe impunzi ku isi wari utangiye kuziha impapuro zo kuzuza kugira ngo ubone uko zitahuka. Izibishatse, izibishoboye nk'uko byavugwaga. Ariko ka gatsiko k'Inkotanyi kari kamaze kwitegura imyi...i...imyi..i... imyitozo yo gutera igihugu gashaka gufata ubutegetsi, ni bwo kabujije impunzi gutaha. Ndetse kakagenda gakwiza ikinyoma cy'uko impunzi nizigera ino aha ngaha ngo bazahita bazifata mu ndege bakazijyana muri Gabon. Kugira ngo rero mvuge mu ijambo rimwe ikibazo wari umbajije, Inkotanyi ni agatsiko k'Abatutsi ba...nakwita extrémistes tutazi icyo gashaka kugeza ubu ng'ubu.

ORATEUR :GAHIGI Gaspard

Eeee....uti Inyenzi Inkotanyi ni agatsiko k'Abatutsi extrémiste hari ibimetsetso bimwe na bimwe koko bibagaragaza, ku gitero twibuka uyu munsi tariki ya munani bise ngo ni "éxpédition punitive"ngo ni uko Abagogwe bapfuye, Abagogwe ari Abatutsi bakaza guhora bene wabo na byo byonyine ibyo birererkena koko ko Inkotanyi ari Abatutsi, nibo ...bahoreraga Abatutsi, ba...bahoreraga bene wabo bavuga ngo.... ngo baje guhana ngo kuko bene wabo bapfuye, ako ni akamenyetso kamwe kerekana ko koko Inkotanyi ari Abatutsi. Ikindi wowe ku bwawe Inyenzi n'Inkotanyi hari icyo bipfana?

ORATEUR :NKURUNZIZA Ananie

Yee...bakunze kuvuga ko Inyenzi ari abana b'Abatutsi b'impunzi bari bagiye, bagerageza gutera mu bitero byose bateye ndumva ntacyo bagezeho nk'uko mu gitabo Lieutenant Colonel, akiri

Lieutenant Colonel RUSATIRA yanditse yise "La geurre des faibles", avuga ko ibitero nk'ibyo nakwita by'iterabwoba, ariko biturutse hanze bidashyigikiwe na rubanda bitagira icyo bigeraho ubundi.

Aha rero ni ho nza kugereranya ugasanga nta tandukaniro na rimwe ushobora kubona hagati y'Inkotanyi n'Inyenzi uretse amazina atandukanye gusa abo bantu ni bamwe. Ibitero byabo ni bimwe, ibitero by'Inyenzi bimwe byagiye bituruka za Kamwezi, zari zikiri hafi, ibindi zigaturuka Kizinga, ibindi zigaturuka za Mushiha n'Inkotanyi rero noneho zitera zateye zituruka muri ibyo byerekezo, zitera kandi zifite ee...urebye igitekerezo kimwe nk'uko wabivuze nawe ubwawe cyo gufata ubutegetsi. Aha rero nagira ngo ngaruke ahari aho ku kintu gikomeye cyane, zibe izo Nyenzi, zibe izo Nkotanyi nkeka kandi ndemeza ko bose ari abana b'u Rwanda. Gusa uburyo bakoresha bw'iterabwoba, bw'ubugome akaba ariho dufite ikibazo, ndetse ikibazo nidukomeza kuganira twaza kugeraho, ikibazo cy'ubwiyunge bw'Abanyarwanda. Izo Nkotanyi, izo Nyenzi uko bagateye igihe cyose na n'ubu rukigeretse, ese bashaka ubwiyunge bw'Abanyarwanda? Ko nabo ari abana b'u Rwanda? Ariko.....

ORATEUR :GAHIGI Gaspard

Ananie ibyo ubwiyunge turaza kubigeraho, ubu twari tukireba Inkotanyi icyo ari cyo, njye nkubaza n'ikibazo cyerekeye icyo Inyenzi zipfana n'Inkotanyi, wavuze nyine ko Inyenzi zikomoka ku bana b'Abatutsi bahunze, nagira ngo nkubaze nk'Inkotanyi niba wemera ko koko nabo bakomoka kuri izo Nyenzi.

ORATEUR :NKURUNZIZA Ananie

Ibyo bintu si ukubyemera cyangwa kutabyemera ukuyeho bariya ba KANYARENGWE baje kujyamo nyuma, KANYARENGWE yagiyemo mu mwaka wa mirongo urwenda nk'uko twabivuze. Hari n'abandi rero bake b'Abahutu nka bariya ba BIZIMINGU, BIZIMUNGU we atubwira yarabyivugiye ko yatangiye kujya mu Nkotanyi mu mwaka wa mirongo inani na

gatandatu. Hari n'abandi ba Barahinyura bakeya, ari nabo babandi Inkotanyi zajyaga zivuga yuko Inkotanyi ari Abanyarwanda bose nta bwoko, nta ki... ngo n'ikimenyimenyi harimo Abahutu. None se ubundi ko zihakana ubwoko Abahutu bazamo gukora iki? Zibabwirwa n'iki? Mu by'ukuri rero duterwa ako gatsiko nkubwira kari kagizwe n'abantu ku isonga barimo Général MUGISHA, barimo Général Major RWIGEMA, barimo Major KAGAME uyu nguyu wabaye Général Major na we, barimo ba Lieutenant Colonel MATEKA Yozefu Jean, barimo ba Major BAYINGANA barimo ba Major NDUGUTEYE, barimo ba Major BUNYENYEZI, barimo ba RUZINDANA Augustin wari Inspecteur Général du Gouvernement iwabo aho ngaho muri Uganda muri Leta ya... MUSEVENI ni Ministre w'ikirenga urebye, barimo abitwa ba KABATSI Pierre wari umeze nka KAVARUGANDA wacu w'iki gihe. Abo bantu rero mw'isonga rya mbere mu itera rya mbere nibo bari ku isonga. Ubwo bari mu isonga rero ndasa n'usubiza ikibazo cyawe numva ntaho bitaniye n'Inyenzi za mbere, numva ari abana b'Abatutsi koko.

ORATEUR :GAHIGI Gaspard

Eee...muri uko gutera, ee...Inyenzi Inkotanyi ubwo ari kimwe ngira ngo uwashaka yabita Inyenzi cyangwa akabita Inkotanyi kuko tumaze kubona ko ari bamwe, ubwo rero muri icyo gitero umugambi wari uwo gufata ubutegetsi ibyo nt awukibihakana. Inkotanyi rero kugira ngo zifate ubutegetsi zibishobore zigishije abantu ngo bagombaga gutegeka. Noneho bakazasimbura abariho. Noneho Inkotanyi icyo gihe ziravuga ziti nituvanaho bariya Bahutu bose tuzabamaza iki? Ndetse ngo hakaba harabaye i...impaka z'urudaca Inkotanyi zigiye gutera. Ananiya wakoze mu bintu by'iperereza izo mpaka wagira icyo uzitubwiraho?

ORATEUR :NKURUNZIZA Ananie

Murakoze Bwana GAHIGI aha ngaha na none kugira ngo ngere kuri icyo kibazo umbajije cyiza, hari ikintu njye ku bwanjye narega Inkotanyi cyangwa Inyenzi nk'uko uzita, ni ikintu cy'iterabwoba. Ni ikintu cy'ikinyoma. Icyo kinyoma rero n'iterabwoba urumva ko bibangamiye

byose ari bo ubwabo, ari natwe ubwacu, ari Abanyarwanda muri rusange icyo kintu giteye impungenge n'imbogamiza.Wambajije rero uti baritoje, en fait si no kwitoza, ahubwo barize, biga kuzategeka mu mashuri, nabyita amashuri y'ibigoroba ariko yari amashuri akaze cyane, kuko bigaga bitonze kandi bagakurikira, niyo bita "Caders courses" mu gifaransa wabyita "Les Cours de Cadres", birya kumera nka ya mashuri yabo ya mbere ya Astrida, abana b'Abashefu bajyaga kwigiramo kugira ngo bazategeke. Ibyo rero barabyize. Ubwo butegetsi rero bateganyaga bamaze gufata igihugu bwagombaga guhera ku masegeteri bukazamuka, bukagera hejuru, ikibazo cyabaye rero nkuko wabivuze abari basanzwe muri ubwo butegetsi, ndetse twavuga no mu gihe cya Mouvement Révolutionnaire igitegeka, bajyaga ku...gukora iki? Bajyaga kwirukanwa bigacecekwa. Aho rero mu Nkotanyi ako gatsiko kazo nk'uko nakubwiye barabyize.

Batubwira, ibyo bintu nabikurikiraniye hafi ko byakuruye impaka ndende, bamwe muri bo bo bakavuga y'uko abo Bahutu bazabirukana, bakavamo hakajyamo abandi, abandi bati se tuzabirukana nitumara kubirukana bicire aho? Tubirukane pe! Bicire aho? Hariho rero n'abahanduzacumu bavugaga bati tuzabica. Bambwira ko kandi...uretse ko yapfuye, nkeka ko bishoboka bambwira ko Nyakwigendera RWIGEMA bavuga ko yashishozaga kurushaho yaba yarababwiye ati: "Nidutangira kwica Abahutu ntituzabamara, bazaduhunga, nibaduhunga bazagaruka, kuko natwe tu...dutashye," ngo we rero agasanga kwica Abahutu atari umuti. Nkeka rero ko no mu gihe yapfaga ku itariki ya mbere y'ukwezi kwa cumi ee...mu mwaka wa mirongo urwenda bamaze iminsi ibiri bateye, yapfuye icyo kibazo cy'uko bazagira Abahutu kitaratungana. Muri make, iyo dufatwa mu minsi bari bateganyije irya itatu ine, ngira ngo haba haravuye amaraso atagira akagero.

ORATEUR :GAHIGI Gaspard

Eee..ikindi kibazo abantu bibaza I...nyenzi zitera cyangwa Inkotanyi zavugaga ko zizanye Démocratie, zije kubaka igihugu cyiza ko mu Rwanda harimo ibyo bita Corruption ni ukuvuga abantu barya ruswa, ko hari abategetsi babi, ko nta mategeko, noneho twareba imikorere

y'Inkotanyi kuva mbese aho dutangirriye kwegerana na zo, ukabona abo zishuditse na bo ni ba GATABAZI, abo zishuditse na bo ni ba RUKOKOMA, TWAGIRAMUNGU Fawusitini barega imanza nyinshi uzi ntasubiramo aha ng'aha, ukabona abo zicoditse na bo ni ba LIZINDE bakatiwe imanza zo gupfa. Ku bwawe icyiza umuntu yatega ku Nkotanyi kandi ubona zisa nkaho ari ya hene mbi waziritseho indi, ubwo ku bwawe Inkotanyi umuntu yazitegaho iki cyiza kandi zitangira gukorana n'abantu twe tuziho ubwandu?

ORATEUR :NKURUNZIZA Ananie

Urakoze GAHIGI, kuri icyo kibazo, ni ikibazo rwose gishimishije cyane hariho na bamwe mu bashyigikiye Inkotanyi bazishyigikiye neza ariko batazishyigikiye mu bikorwa byazo bibi by'iterabwoba, bagira bati ahari Inkotanyi zije hari icyahinduka muri iki gihugu. Yewe n'arya mashyaka yari afatanyije na zo mbere yiyitaga "Les Forces Démocratiques pour le changement" ari byo kuvuga ko yari amashyaka agamije yuko ibintu byahinduka muri iki gihugu, ibyo ari byo byose ibyahindukaga ntabwo tujya tubona ibyo ari byo uretse nka Politike y'amashyaka menshi nziza kandi yari imaze kwemerwa, abo rero bagiye gusinya i Buruseri n'Inkotanyi bagira bati ibintu byahinduka mu gihugu, hariho bamwe koko mu Banyarwanda bavuga bati ibintu bishobora guhinduka. Bigahinduka neza, hari aho tukamererwa neza kurusha uko twari tumerewe, kuko n'ubundi niba umerewe neza ntiwanga kumererwa neza kurushaho. Gusa iyo ujya kwitegereza Inkotanyi, wakwibaza niba zifite icyo zigamije kindi uretse bwa butegetsi. Nk'uko zagabanye Arusha zikahakura imyanya myinshi ndetse zitari zinakwiye. Kuko iyo urebye kubyerekeranye na"Corruption" ibi byo ku...kubita amafaranga mu maso y'abantu, ati ni nguha amafaranga urankorera ibi, ni byo.... ni zo...izo Nkotanyi nizo zakajije umurego muri ibyo bintu bya "Corruption", uribuka nawe GAHIGI ko Inkotanyi zagiye zisesa amafaranga, ayo zabonye zikongera zikayasesa mu bantu, aribyo bi...bise amafaranga y'Amakotanyi, ibyo bintu si igitekerezo kijyanye no gukuraho ibintu by'inda nini.

GAHIGI wari umaze kuvuga abo Inkotanyi zifatanije na bo muri iki gihe Inkotanyi abo zigereye ino rero nyuma y'a...ariya masezerano ya Arusha, twaketse ko zizatoranya abantu, hanyuma

zikagira ziti dusanze abantu, reka twisunge abantu b'abanyamurava. Ariko muri iki gihe kuri zo ubu GATABAZI ni umwere kuko avuga rumwe na zo. GATABAZI akwiye ku........

**FIN DE LA FACE B**